REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY
ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE
UBUSHINJACYAHA BUKURU

# ISHAMI RISHINZWE KURENGERA NO GUFASHA ABAHOHOTEWE N'ABATANGABUHAMYA

Mu rwego rwo guhangana n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi byari bimaze gufata intera ikomeye bijyanye no guhohotera abatangabuhamya no kwibasira abarokotse jenoside n'inyangamugayo za Gacaca, banicwaga hagamijwe kunyereza no guhisha ibimenyetso ndetse no gutera ubwoba abafite amakuru kuri jenoside, mu mwaka wa 2006, mu Bushinjacyaha Bukuru hashyizweho ishami rishinzwe gukurikirana by'umwihariko ibyo bibazo ariko, byaje kugaragara ko iryo shami rishobora no gufasha mu zindi dosiye zose zikurikiranwa n'Ubushinjacyaha Bukuru.

Iri shami rifite abakozi 19 barimo umuyobozi waryo, abakozi 3 bashinzwe ibibazo by'abahohotewe n'abatangabuhamya bakorera ku Cyicaro cy'Ubushinjacyaha Bukuru ndetse n'abandi 12 bakorera kuri buri Rwego Rwisumbuye rw'Ubushinjacyaha. Hari kandi umukozi umwe ushinzwe inzu yakirirwamo ikaba yanacumbikirwamo igihe bibaye ngombwa abahohotewe cyangwa abatangabuhamya ndetse n'abakozi 2 bayisukura, kandi kuri buri Rwego Rwisumbuye hakaba hari ahacumbikirwa hakanakiririrwa abahohotewe cyangwa abatangabuhamya.

## Ibikorwa byagezweho na serivisi ishinzwe Abahohotewe n'Abatangabuhamya kuva 2006-2013:

| Abahohotewe n'abatangabuhamya bakiriwe | |
|---|---|
| Abamenyeshejwe imterere y'amadosiye yabo | **6.984** |
| Bafashijwe gutanga ibirego by'indishyi | **1.323** |
| Abashakiwe ababunganira mu manza | **419** |
| Abaherekejwe mu nyungu z'ubutabera | **1.216** |

**Ubufasha bwahawe Abahohotewe n'Abatangabuhamya**

| | |
|---|---|
| Abakorewe ubujyanama | **2.126** |
| Abavujwe | **564** |
| Abahawe amafaranga y'urugendo | **1.650** |
| Abacumbikiwe | **929** |
| Abakorewe ubuvugizi mu ikurikiranwa ry'ababahohoteye | **2.145** |
| Abimuwe by'agateganyo | **26** |
| Abashakiwe irondo rihoraho | **141** |
| Abakorewe ubuvugizi mu nzego z'umutekano | **411** |

- **Gushaka no gushyikiriza ubutabera abatangabuhamya n'ibimenyetso bikenewe mu madosiye:**

| | |
|---|---|
| Hashatswe abatangabuhamya | **801** |
| Hashatswe abatangabuhamya ba Commissions Rogatoires | **869** |
| Hashatswe ibimenyetso by'inyongera mu madosiye | **3.031** |

## <u>Ibyagezweho muri 2013</u>

| | |
|---|---|
| Abahohotewe n'abatangabuhamya bakiriwe | **2.348** |
| Abamenyeshejwe imiterere y'amadosiye yabo | **701** |
| Bafashijwe gutanga ibirego by'indishyi | **21** |
| Abashakiwe ababunganira mu manza | **09** |
| Abaherekejwe mu nyungu z'ubutabera | **75** |

## Ubufasha Abahohotewe n'abatangabuhamya bahawe

| | |
|---|---|
| Abakorewe ubujyanama | **64** |
| Abavujwe | **21** |
| Abahawe amafaranga y'urugendo | **243** |
| Abahawe ifunguro | **543** |
| Abacumbikiwe | **130** |
| Abakorewe ubuvugizi mu ikurikiranwa | **48** |

| | |
|---|---|
| ry'ababahohoteye | |
| Abacungiwe umutekano | **03** |
| Abimuwe by'agateganyo | **00** |
| Abashakiwe irondo rihoraho | **00** |
| Abakorewe ubuvugizi mu nzego z'umutekano | **19** |

**Gushaka no gushyikiriza Ubutabera abatangabuhamya n'ibimenyetso bindi bikenewe mu madosiye:**

| | |
|---|---|
| Abatangabuhamya | **370** |
| Abatangabuhamya ba commission rogatoire | **235** |
| Ibimenyetso by'inyongera | **306** |

## Indi mirimo yakozwe:

- Rifasha kandi rikurikirana imirimo ya Commission rogatoire zitandukanye mu birebana n'abatangabuhamya.

## Ibiteganyijwe gukorwa mu mwaka wa 2015

1. Gukurikirana ibirebana n'umutekano w'abatangabuhammya n'abahohotewe bishinganishije no kugenzura imitangire y'ubufasha bunyuranye bubagenerwa;
2. Guhuza ibikorwa bya za commission rogatoire n'ishami rishinzwe kurinda no gufasha abahohotewe n'abatangabuhamya muri gahunda zikenerwamo abatangabuhamya;
3. Kugenzura ko ubufasha bugenerwa abatangabuhamya bajya mu mahanga bubageraho uko bwabateganyirijwe kandi ku gihe;
4. gukurikirana no gusesengura ibibazo by'abahohotewe n'abatangabuhamya;
5. Gutegura no gusobanurira abahohotewe n'abatangabuhamya imikorere y'inkiko n'uko bakwiye kwitwara mu manza bahamagawemo;

6. gutanga ubufasha, ubujyanama ndetse no kuvuza abahohotewe n’abatangabuhamya bahuye n’ibibazo by’ihungabana,
7. kubungabunga umutekano w’abatangabuhamya n’abahohotewe mu ngendo zabo;
8. kwita ku mibereho myiza y’abacumbikiwe n’iy’abatangabuhamya, ibibagenewe n’ubufasha bakenera bikabonekera igihe;
9. gukora ibishoboka abatangabuhamya bakenerwa na commission rogatoire n’inkiko zo hanze bakabonekera ku gihe;
10. Gukora icyageranyo cy’amategeko arebana n’uburenganzira bw’abahohotewe n’abatangabuhamya no kubasobanurira uburenganzira bwabo ;
11. Gukurikirana ibibazo byakiriwe no gutanga ibisubizo mu nyandiko;
12. Gushaka ibimenyetso byinyongera byasabwe mu ma dosiye nshinjabyaha;
13. Gukorera raporo ku gihe.